**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'IBURENGERAZUBA**
**AKARERE KA RUTSIRO**
**Tél : 0783010566 / 0786024030**
**B. P. 49 KIBUYE**
**E-mail: rutsirodistrict@rutsiro.gov.rw**

# ITANGAZO RIGENEWE ABAHAWE AKAZI K'UBWARIMU MU KARERE KA RUTSIRO

Ashingiye ku ibaruwa No 1190/REB/TDM&CGC/2021 yo ku wa 17/11/2021 Umuyobozi Mukuru wa REB yandikiye Uturere asaba gukora ishyirwa mu myanya ry'abarimu (Teachers' Placement books) ririmo abarimu bashya n'abasanzwe mu kazi kandi rikagezwa kuri REB bitarenze tariki ya 30/11/2021;

Ashingiye ko kugeza ubu hari bamwe mu bahawe na REB akazi ko kwigisha mu Karere ka RUTSIRO batari bazana ibyangombwa bisabwa kugira ngo bahabwe amabaruwa abashyira mu kazi, ibi bikaba byaradindije igikorwa cyo gushyira mu myanya abarimu (Teachers'Placement);

Umuyobozi w'Akarere ka RUTSIRO aramenyesha abantu bose bahawe akazi ko kwigisha muri aka Karere batari bazana ibyangombwa bisabwa kandi byujuje ubuziranenge ko basabwe kuba babigejeje **ku Mukozi Ushinzwe imicungire y'abakozi (abarimu n'abaganga) bitarenze ku wa kabiri tariki ya 14/12/2021.**

NB : -Uzaba atarataranga ibyangombwa bye ku itariki yavuzwe haruguru azafatwa nk'utaremeye akazi yahawe cyangwa utujuje ibisabwa, bityo umwanya we usabirwe muri REB undi mwarimu wo kumusimbura.

Bikorewe i Rutsiro, ku wa 09/12/2021

**MUREKATETE Triphose**
Umuyobozi w'Akarere ka Rutsiro

REB | RWANDA BASIC EDUCATION BOARD

Kigali ku wa .17....../11/2021
N°:.1190.../REB /TDM&CGC/21

Madamu/Bwana Umuyobozi w' Akarere (Bose)
Madamu/Bwana Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere ka (Bose)

**Impamvu: Gusaba ishyirwa mu myanya ry'abarimu (placement books)**

Madamu/Bwana Muyobozi,

Nshingiye ku iteka rya Perezida N° 064/01 ryo ku wa 16/03/2020 rishyiraho Sitati yihariye igenga abarimu b'Amashuri y'inshuke, abanza n'Ayisumbuye, Imyuga n'Ubumenyingiro mu ngingo ya 19;

Nyuma yo kuboherereza urutonde rw'abarimu bashya bo mu mashuri y'inshuke, abanza n'ayisumbuye bashyizwe mu myanya mu kwezi k'Ugushyingo 2021, ndabasaba ibi bikurikira:

- Kwihutisha igikorwa cyo gusaba abarimu bashya ibyangombwa bisabwa no kugenzura ubuziranenge bwabyo mbere yo kubaha amabaruwa abashyira mu kazi;

- Gutegura ishyirwa mu myanya ry'abarimu ry'umwaka w'amashuri wa 2021-2022 ririmo abarimu musanganywe kandi bahembwa maze mukaryongeramo abarimu bashya mwahawe kandi mwarangije guha amabaruwa y'akazi mwubahirije ibyiciro barimo ndetse mukagaragaza n'imyanya y'abarimu mutarabona kandi ibyo byose bigakorwa mwubahirije imibare ntarengwa y'abarimu bashya mwahawe muri uyu mwaka wa 2021-2022. Umwanya wose utarimo umwarimu kubera impamvu zitandukanye, muzawugaragaze muri iyi placement mugiye gutegura maze muwandikemo "TO BE PLACED".

- Abo barimu bose bataraboneka bagomba kugaragazwa mu ishyirwa mu myanya kandi buri wese yateganyirijwe ikigo cy'ishuri akenewemo ndetse hubahirijwe na none dipolome zabo (qualification), ibyo bize (specialisation/profile) n'ibyo bazigisha (subject to be taught)

- Gutegura iryo shyirwa mu myanya mwubahirije imbonerahamwe (Canevas) musanzwe mukoresha ndetse n'imigereka yayo uko ari itatu (Umugereka I, Umugereka wa II n'uwa III).

- Urutonde rw'abarimu bataraboneka nirwo muzifashisha mwuzuza muri e-recruitment system mu gihe muzaba mutanga imyanya ikeneye abandi barimu bashya.

- Buri cyiciro cy'amashuri (Amashuri y'Inshuke, abanza n'ayisumbuye) kizagira igitabo cyacyo kizashyirwamo abarimu bigisha muri icyo cyiciro gusa.

REB | RWANDA BASIC EDUCATION BOARD

- Ibitabo by'ishyirwa mu myanya ry'abarimu (Placement books) bigomba kuba byagejejwe kuri REB bitarenze ku wa 30/11/2021 kugira ngo abarimu bashya bashobore guhembwa mu kwezi kw'Ukuboza 2021.

Mugire amahoro.

RWANDA BASIC EDUCATION BOARD (REB)

**Dr. MBARUSHIMANA Nelson**
Umuyobozi Mukuru

**Bimenyeshejwe:**
- Nyakubahwa Minisitiri w'Uburezi
- Nyakubahwa Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo
- Nyakubahwa Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi
- Nyakubahwa Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
- Nyakubahwa Umunyamabanga wa Leta Ushinzwe Amashuri Abanza n'Ayisumbuye
- Nyakubahwa Umunyamabanga wa Leta Ushinzwe Ikoranabuhanga n'Ubumenyingiro
- Bwana Umunyamabanga Uhoraho/MINEDUC
- Bwana Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali
- Madamu/Bwana Guverineri w'Intara (Bose)